NYAMAGABE DISTRICT

# NEWSLETTER

October, 2022



## IBIRIMO

- Kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'abageze mu zabukuru
- Umuganda wo guca imirwanyasuri ku bufatanye na HORECO.
- Kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'umwana w'umukobwa
- Umunsi mpuzamahanga w'umugore wo mu cyaro
- Ubukangurambaga bwo kwishyura MUSA
- Gusura uruganda rw'ingano (Nyamagabe Mills)
- Imparirwamihigo Sport Day & Siporo rusange
- Igitondo cy'isuku



Mukarubayiza Eunice w'imyaka 86, umwe mu bageze mu zabukuru wo mu Murenge wa Musange wasuwe n'Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu, Mme Ingabire Assoumpta. Yashimye uyu mubyeyi kuba yarakoresheje neza amafaranga yahawe binyuze mu mushinga 'Kungahara' wa Give Directly akabasha kugura amatungo (inka) ndetse agateza imbere imibereho myiza y'umuryango we.

**CONTACT US**

info@nyamagabe.gov.rw
3201
www.nyamagabe.gov.rw
@nyamagabe
Nyamagabe District

# Musange: Hizihijwe umunsi mpuzamahanga w'abageze mu zabukuru

Ku wa 04/10/2022, mu Karere ka Nyamagabe, Umurenge wa Musange hizihirijwe umunsi mpuzamahanga w'abantu bageze mu zabukuru aho wari ufite insanganyamatsiko igira iti "Abageze mu zabukuru, Isôoko tuvomaho".

Uyu muhango witabiriwe n'Umunyamabanga wa Leta muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu Ushinzwe Imibereho Myiza, Mme Ingabire Assoumpta ari hamwe na Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, Mme Kayitesi Alice; Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Hildebrand Niyomwungeri, Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere; Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza; umwe mu bagize Inama Ngishwanama z'Inararibonye Rucagu Boniface ndetse n'abandi bayobozi.

Muri uyu muhango, Umunyamabanga wa Leta muri Ministeri y'Ubutegetsi bw'Igihugu yavuze ko Igihugu gitekereza ku bantu bageze mu zabukuru kandi hari politiki ishyirwa mu bikorwa.

Yagize ati "Turabifuriza ko bagira amasaziro meza nk'uko insanganyamatsiko y'uyu munsi ibivuga tuzirikana uruhare rwabo mu kubaka umuryango, kubaka Igihugu, guteza imbere umuco kandi n'ubu baracyarugira, rero turabifuriza ko nabo bakomeza bagasazana ishema n'agaciro".



Yasabye abakiri bato bafite abageze mu zabukuru bafite imbaraga nke kandi batishoboye kubitaho babaha umwanya bakanabafasha kuko ari inshingano y'umwana kwita ku mubyeyi we nk'uko ari inshingano y'umubyeyi kwita ku mwana iyo abyaye.

Umuyobozi w'Akarere yavuze ko kwizihiza uyu munsi bigomba kujya bigira icyo bisigira urubyiruko n'abandi bakiri bato nk'inyigisho n'urugero rwiza rwo gukurikiza mu buzima bwa buri munsi.



Yagize ati "Twese tugaha agaciro umusanzu wabo haba mu bikorwa bakoze, ibyo bagikora n'inama zuje ubunararibonye zituma abato babigiraho imico myiza, gukora neza, kubaka umuco w'ubusabane n'amahoro bigamije iterambere".

Muri uyu muhango hahembwe abageze mu zabukuru bahize abandi muri gahunda zitandukanye zirimo gusigasira umuco, kubahiriza gahunda za Leta, kurwanya no gukumira amakimbirane mu muryango n'ibindi.

Muri uyu muhango, Umunyamabanga wa Leta yasuye imiryango ibiri y'abageze mu zabukuru bahawe amafaranga binyuze muri Give Directly aho ubu babashije kuvugurura inzu zabo, bagura amatungo bakora n'ibikorwa biteza imbere imibereho myiza y'imiryango yabo.

Abageze mu zabukuru batanu kandi borojwe inka muri gahunda ya Girinka.

# Umuganda wo guca imirwanyasuri ku bufatanye na HORECO

Ku wa 07 Ukwakira 2022, mu Karere ka Nyamagabe hakozwe ubukangurambaga mu baturage bugamije kurwanya isuri.



Ni igikorwa cy'umuganda cyabereye mu Kagari ka Uwindekezi mu Murenge wa Kibirizi aho Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinzwe Imibereho Myiza, Agnes Uwamariya yifatanyije n'abaturage mu gikorwa cyo guca imirwanyasuri.
Uyu muganda wateguwe ku bufatanye na HORECO. Iki gikorwa cyabereye kuri site ya Birembo.

Muri uyu muganda, Umuyobozi w'Akarere Wungirije Ushinwe Imibereho Myiza yakanguriye abaturage kurwanya isuri baca imirwanyasuri, batera ibiti bivangwa n'imyaka, banakora ubuhinzi bubungabunga ubutaka.

Abahagarariye HORECO bashishikarije abaturage guteza imbere ubuhinzi bakihaza mu biribwa.

## Kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'umugore wo mu cyaro



Ku wa 15 Ukwakira, mu Mirenge igize Akarere ka Nyamagabe hizihijwe umunsi mpuzamahanga w'umugore wo mu cyaro.

Ku rwego rw'Akarere byabereye mu Murenge wa Mugano. Abaturage bifatanyije n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza y'abaturage UWAMARIYA Agnes , Umuhuzabikorwa wa CNF mu Karere n'abandi bayobozi batandukanye.

Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza y'abaturage yashimiye ubuyobozi bw'Igihugu ku gaciro bwahaye umugore maze aboneraho no gusaba abagore kubyaza ako gaciro akamaro bakora imishinga ibyara inyungu.

Mu rwego rwo gufasha abagore guteza imbere isuku n'isukura muri ibi birori ku bufatanye na Water Aid ingo 7 ziyobowe n'abagore zahawe ibigega by'amazi. kuri uyu munsi kandi hatangijwe ubukangurambaga bukomatanyije bwo kurwanya amakimbirane mu miryango, gufasha imiryango itarasezerana igasezerana mu mategeko no no gufasha abakobwa batewe inda zitifuzwa gusubira mu ishuri.

## Ubukangurambaga bwo kwishyura ubwisungane mu kwivuza (MUSA)




Ku wa 17 Ukwakira Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Hildebrand Niyomwungeri yifatanyije n'abayobozi ba ASA International mu bukangurambaga bwo gushishikariza abaturage kugana ibigo by'imari biciriritse bakiteza imbere biyishyurira ubwisungane mu kwivuza.



Muri ubu bukangurambaga Umuyobozi w'Akarere yasabye abaturage kugana ibigo by'imari biciriritse bakiteza imbere bakora ubuhinzi bw'umwuga, bahinga imboga, bacuruza ubucuruzi bucirirtse.

Yashimiye ubuyobozi bwa ASA bwafashije abaturage basaga 700 kwishyurirwa ubwisungane mu kwivuza no kwishyurira abarwayi bari barabuze ubwishyu bivurije ku bitaro bya Kigeme.

## Kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'umwana w'umukobwa





Ku wa 11 Ukwakira, 2022, Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Hildebrand Niyomwungeri yifatanyije n'abanyeshuri hamwe n'abarezi ba GS Kaduha mu kwizihiza umunsi mpuzamahanga w'umwana w'umukobwa.

Mu butumwa bwe, Umuyobozi w'Akarere yibukije abanyeshuri ko ubuzima bwabo buri mu biganza byabo bityo abasaba kwirinda inda ziterwa abangavu.

yakomeje akangurira abanyeshuri kandi kugira umuco wo gusoma no kwandika asoza asaba abarezi gufasha abana gusoma ibitabo hashingiwe u masomo babigisha.

# Guverineri Kayitesi yasuye uruganda rw'ingano rwa Tare





Ku wa 25 Ukwakira, Guverineri w'Intara y'Amajyepfo, Alice Kayitesi ari hamwe n'abayobozi b'Akarere ka Nyamagabe ndetse n'inzego z'umutekano yasuye uruganda rw'ingano ( Nyamagabe Mills) ruherereye mu Murenge wa Tare .

Uru ruzinduko rwari rugamije kureba uko Akarere karimo gushyira mu bikorwa inama zatanzwe n'Umukuru w'Igihugu ubwo yasuraga Nyamagabe mu kwezi kwa munani uyu mwaka.

Uru ruganda ruzafasha abahinzi kubona aho bagurishiriza umusaruro w'ingano.

Guverineri yasabye abaturage bahinga ingano guhinga kijyambere umusaruro w'ingano ukiyongera bityo uruganda rukabona umusaruro uhagije.

# Ibitaro bya Kigeme byishimiye inyenyeri ya kabiri muri Accreditation Process





Ku wa 31 Ukwakira 2022, Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyamagabe hamwe n'ubwa EAR Diocese Kigeme bifatanyije n'Ibitaro bya Kigeme kwishimira inyenyeri ya kabiri byagezeho muri Accreditation Process.

Muri uyu muhango, Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe, Hildebrand Niyomwungeri yabwiye abitabiriye uyu muhango ko Ibitaro bya Kigeme byihaye urukiramende rurerure rwo gusimbuka ngo bigere ku nyenyeri ya gatatu bityo hakaba hagomba kubaho imikorere idasanzwe n'ubwuzuzanye busesuye bw'inzego zose.

Ubuyobozi bw'Akarere n'ubwa EAR Kigeme bwijeje abakozi b'Ibitaro inkunga zo mu buryo bwose (ubuvugizi n'ubujyanama) hagamijwe guharanira kugera ku ntego yo gufasha umurwayi no kubeshaho imiryango yabo uko bishobotse hubahirizwa amategeko n'amabwiriza.

# Imparirwamihigo Sport Day & siporo rusange (Amafoto)

Mu kwezi k'ukwakira, mu Karere ka Nyamagabe habaye ibikorwa bitandukanye by'imikino n'imyidagaduro.

By'umwihariko ku wa 30 Ukwakira, mu Murenge wa Kaduha habereye siporo rusange yitabiriwe n'Umuyobozi w'Akarere ka Nyamagabe. Nyuma ya siporo, muri uyu Murenge habereye imikino (football, basketball na volleyball) yahuje Umurenge wa Kaduha n'uwa Cyanika.

Siporo rusange kandi yakozwe mu Mirenge itandukanye y'Akarere ka Nyamagabe.









# Ibyihariye ku gitondo cy'Isuku muri Nyamagabe (Amafoto)



Buri wa kabiri w'icyumweru, mu Karere ka Nyamagabe abaturage baramukira mu bikorwa byahariwe isuku.

Ni muri gahunda y'Intara y'Amajyepfo igamije guteza imbere isuku mu ngo, ku mubiri, aho abaturage bakorera n'ahahurira abantu benshi.

Muri uku kwezi k'Ukwakira, muri Nyamagabe ibi bikorwa byibanze by'umwihariko ku isuku mu mashuri, mu mavuriro no guhangana n'ibibazo bibangamiye imibereho myiza y'abaturage.









**CONTACT US**

info@nyamagabe.gov.rw
3201
www.nyamagabe.gov.rw
@nyamagabe
Nyamagabe District